1 KAMENA 2014

UMUNARA W'UMURINZI

UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

UKO IMANA IBONA IBYO KUNYWA ITABI

UMUNÁRA W'UMURINZI
UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

Vol. 135, No. 11 | Semimonthly
JUNE 1, 2014 | KINYARWANDA

INTEGO Y'IYI GAZETI y'*Umunara w'Umurinzi,* ni iyo gusingiza Yehova Imana, we Mutegetsi w'Ikirenga w'ijuru n'isi. Ihumuriza abantu ibagezaho ubutumwa bwiza buvuga ko vuba aha Ubwami bw'Imana, ari bwo butegetsi nyakuri bwo mu ijuru, buzavanaho ibibi byose kandi bugahindura isi paradizo. Itera abantu inkunga yo kwizera Yesu Kristo wadupfiriye kugira ngo tuzabone ubuzima bw'iteka. Muri iki gihe Yesu Kristo arategeka, akaba ari Umwami w'Ubwami bw'Imana. Iyi gazeti yatangiye kwandikwa mu mwaka wa 1879, kandi ntiyivanga muri politiki. Ishingiye kuri Bibiliya kandi igendera ku buyobozi bwayo.

Ese wifuza guhabwa ibindi bisobanuro cyangwa kwiga Bibiliya ku buntu?

Jya kuri www.jw.org/rw cyangwa utwandikire ukoresheje aderesi ikurikira:

Mu RWANDA:
O.R.T.J.
B.P 529 KIGALI

Niba wifuza urutonde rwuzuye rwa za aderesi, jya kuri www.jw.org/rw/aderesi.

Iyi gazeti ntigomba kugurishwa. Kuyandika biri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya ku isi hose, kandi ushyigikiwe n'impano zitangwa ku bushake. Uretse aho byagaragajwe ukundi, imirongo yose yakuwe muri Bibiliya ikoresha ururimi ruhuje n'igihe tugezemo yitwa *Bibiliya—Ubuhinduzi bw'isi nshya.*

The Watchtower (ISSN 0043-1087) is published semimonthly by Watchtower Bible and Tract Society of New York, Inc.; L. Weaver, Jr., President; G. F. Simonis, Secretary-Treasurer; 25 Columbia Heights, Brooklyn, NY 11201-2483, and by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC, 1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739. © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania. Printed in South Africa.

Buri nomero isohoka ari amagazeti:
45.944.000 MU NDIMI 213

1 KAMENA 2014

INGINGO YO KU GIFUBIKO

Uko Imana ibona ibyo kunywa itabi

IPAJI YA 3-6

Icyorezo cyugarije isi yose 3

Uko Imana ibona ibyo kunywa itabi 4

IBINDI

Ese wariye umugati w'ubuzima? 7

Ese abakurambere bacu bazazuka? 10

Abagabo batatu bashakishije ukuri mu kinyejana cya 16 —Bageze ku ki? 12

Ibibazo bishingiye kuri Bibiliya 16

JW.ORG™ SOMA IBINDI KURI | www.jw.org/rw



IBINDI BIBAZO BISHINGIYE KURI BIBILIYA
—Ese Imana ni yo iduteza imibabaro?

(Reba ahanditse ngo INYIGISHO ZA BIBILIYA > IBIBAZO BISHINGIYE KURI BIBILIYA)

VANA KURI INTERINETI
AMAFAYILI ATANDUKANYE
Y'IYI GAZETI

Itabi rikomeje guhitana benshi.

Mu myaka ijana ishize, ryahitanye abantu bagera kuri 100.000.000.
Muri iki gihe, rihitana abantu bagera hafi kuri 6.000.000 buri mwaka.
Ugereranyije, rihitana umuntu umwe buri masogonda atandatu.

Ikindi kandi nta kigaragaza ko iyo mibare izagabanuka.

Icyorezo cyugarije isi yose

Abayobozi bavuga ko ibintu bikomeje bityo, mu mwaka wa 2030 abahitanwa n'itabi baziyongera, bakarenga 8.000.000 buri mwaka. Nanone bavuga ko mu mpera z'ikinyejana cya 21, itabi rizaba ryarahitanye abantu bagera kuri 1.000.000.000.

Itabi ntirigira ingaruka ku barinywa gusa. Mu bandi rigiraho ingaruka, harimo abagize umuryango w'uwishwe na ryo basigara iheruheru kandi bagasigarana agahinda, n'abandi 600.000 batarinywa bapfa buri mwaka bahitanywe n'umwotsi waryo. Nanone ibyo bigira ingaruka ku bantu bose kuko bituma amafaranga yo kwivuza arushaho kwiyongera.

Icyo cyorezo gitandukanye n'ibindi byorezo bihagurutsa abaganga bakabikorera ubushakashatsi kugira ngo babone imiti, kuko umuti wacyo uhari kandi ukaba uzwi neza. Dogiteri Margaret Chan, umuyobozi mukuru w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Buzima, yaravuze ati "icyorezo cyo kunywa itabi cyazanywe n'abantu ubwabo, kandi abaturage bafatanyije na leta bashobora kukirwanya kigacika burundu."

Hirya no hino ku isi, abantu bahagurukiye kurwanya icyo cyorezo cyangiza ubuzima. Muri Kanama 2012, ibihugu bigera ku 175 byemeje amasezerano ashyiraho ingamba zo kugabanya ubukana bw'icyo cyorezo.* Icyakora hari ibintu bikomeye bituma gikomeza koreka imbaga. Buri mwaka, inganda zikora itabi zikoresha amafaranga abarirwa muri za miriyari yo kuryamamaza kugira ngo zireshye abakiriya bashya, cyane cyane abagore n'abagabo bakiri bato bo mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere. Itabi ribata abatangiye kurinywa, bakiyongera ku bandi bagera kuri miriyari bamaze kubatwa na ryo. Abanywa itabi muri iki gihe nibatarireka, umubare w'abahitanwa na ryo uziyongera cyane mu myaka mirongo ine iri imbere.

Kuba itabi ryamamazwa cyane kandi rikaba rifite ubushobozi bwo kubata urinywa, bituma abantu benshi bananirwa kurireka nubwo baba babyifuza. Uko ni ko byagendekeye Naoko. Yatangiye kurinywa akiri umwangavu. Kuba yararinywaga akurikije uko ryamamazwaga mu itangazamakuru, byatumye yumva ko ari umuntu uzi ibigezweho. Nubwo yari yariboneye ababyeyi be bombi bicwa na kanseri y'ibihaha, yakomeje kurinywa, ndetse n'igihe yareraga abakobwa be babiri. Yaravuze ati "natinyaga ko nshobora kuzarwara kanseri y'ibihaha, kandi ngahangayikishwa n'abana banjye. Ariko kurireka byari byarananiye. Numvaga ntazigera ndireka."

Icyakora Naoko yashoboye kurireka. Icyamufashije kurireka ni na cyo cyafashije abantu babarirwa muri za miriyoni kubaho batarinywa. Icyo kintu ni ikihe? Ingingo ikurikira irabigusobanurira neza.

* Izo ngamba zikubiyemo kwigisha abantu ingaruka z'itabi, kubuza inganda kuryamamaza, kuryongerera imisoro no gushyiraho gahunda zo gufasha abantu kurireka.

Uko Imana ibona ibyo kunywa itabi

Naoko wavuzwe mu ngingo ibanziriza iyi, yavuze uko yacitse ku ngeso yo kunywa itabi agira ati "icyamfashije gucika kuri iyo ngeso, ni ukumenya ukuri ku byerekeye imico y'Imana n'umugambi wayo." Ibyo yize biboneka muri Bibiliya. Nubwo itabi ritavugwa muri Bibiliya, icyo gitabo kidufasha kumenya uko Imana ibona ibyo kunywa itabi.* Kubimenya byafashije abantu benshi kubona imbaraga bari bakeneye zo kwirinda itabi cyangwa kurireka (2 Timoteyo 3:16, 17). Reka dusuzume ingaruka eshatu zo kunywa itabi zizwi cyane, turebe n'icyo Bibiliya izivugaho.

ITABI RIRABATA

Itabi ririmo bumwe mu burozi bubata cyane kurusha ubundi bwitwa nikotine. Ubwo burozi bushobora gutuma umuntu ashabuka, ariko nanone bugatuma ajunjama. Kunywa itabi bituma ubwo burozi bugera mu bwonko vuba kandi bukagenda bwiyongera. Kubera ko iyo umuntu atumuye itabi incuro imwe aba anyoye uburozi bwa nikotine, umuntu unywa ipaki y'itabi ku munsi, aba anyoye uburozi bukubye incuro 200 ubwo anywa mu gihe aritumuye incuro imwe. Ubwo burozi buruta ububoneka mu kindi kiyobyabwenge icyo ari cyo cyose. Ibyo ni byo bituma bugira ubushobozi bwihariye bwo kubata abantu. Iyo umuntu amaze kubatwa na ryo maze yaryifuza akaribura, amera nk'urwaye kugeza ubwo yongeye kurinywa.

Bibiliya idufasha kubona ibyo kunywa itabi mu buryo bukwiriye, igira iti "mbese ntimuzi ko iyo mukomeje kwiha umuntu mukaba imbata ze kugira ngo mumwumvire, muba mubaye imbata ze kubera ko mumwumvira" (Abaroma 6:16)? Iyo ibitekerezo cyangwa ibikorwa by'umuntu byibanda ku itabi, mu gihe gito atangira kubatwa n'ibikorwa biteye isoni. Ariko Yehova Imana yifuza ko tutabatwa n'ibikorwa byangiza umubiri n'umwuka, ni ukuvuga imbaraga ziyobora ubwenge bwacu (Zaburi 83:18; 2 Abakorinto 7:1). Ku bw'ibyo, uko umuntu agenda arushaho gukunda Yehova no kumwubaha, ni ko agenda amenya ko Yehova akwiriye ibyiza kurusha ibindi, kandi ko adashobora kubimuha mu gihe yabaswe n'ingeso yica. Iyo amaze kubimenya, bimuha imbaraga zo kurwanya ibyifuzo bibi.

Olaf uba mu Budage yanesheje ingeso yo kunywa itabi ryari ryaramubase. Yamaze imyaka 16 arinywa, akaba yari yararitangiye afite imyaka 12. Yumvaga ko kunywa itabi nta cyo byari kumutwara. Ariko uko imyaka yashiraga indi igataha, ryaramubase ku buryo atashoboraga kurihagarika. Yaravuze ati "umunsi umwe ubwo itabi ryari ryanshiranye, numvise ntaye umutwe maze mfata udusigazwa tw'itabi twose nari najugunye, ntutekera mu gapapuro k'ikinyamakuru. Iyo nshubije amaso inyuma, mbona byari biteye isoni."

'Muri imbata [z'uwo] mwumvira.'
—Abaroma 6:16

Ese koko wavuga ko wumvira Imana kandi warabaswe n'itabi?

* Itabi rivugwa aha ryerekeza ku masegereti, ibigoma, ibisuguto cyangwa iryo mu nkono. Icyakora, amahame avugwa muri iyi ngingo ashobora no gufasha abakoresha itabi ryo guhekenya, iry'ifu n'andi moko.

None se ni iki cyamufashije kureka itabi ryangizaga ubuzima bwe? Yaravuze ati "ikintu gikomeye cyamfashije ni icyifuzo nari mfite cyo gushimisha Yehova. Urukundo adukunda n'ibyiringiro aduha byampaye imbaraga zo gucika kuri iyo ngeso yari yarambase."

ITABI RYANGIZA UMUBIRI

Hari igitabo cyagize kiti "siyansi yagaragaje ko . . . itabi ryangiza hafi buri rugingo rw'umubiri, rigatuma abantu barwaragurika kandi rigahitana benshi" (*The Tobacco Atlas*). Birazwi neza ko kunywa itabi bitera indwara zitandura, urugero nka kanseri, umutima na zimwe mu ndwara z'ibihaha. Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Buzima ryavuze nanone ko itabi riri mu bituma abantu bicwa n'indwara zandura, urugero nk'igituntu.

Yehova Imana atwigisha kubona ubuzima bwacu, ni ukuvuga umubiri wacu n'ubwenge bwacu, mu buryo bukwiriye. Ibyo abikora yifashishije Ijambo rye Bibiliya. Umwana we Yesu yagize icyo abivugaho igihe yagiraga ati "ukundishe Yehova Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose" (Matayo 22:37). Koko rero, Imana yifuza ko dukoresha neza ubuzima bwacu n'umubiri wacu. Uko tugenda tumenya ibyerekeye Yehova n'amasezerano ye, ni na ko tugenda dukunda ibyo yadukoreye kandi tukabiha agaciro. Ibyo ni byo biduha imbaraga zo kwirinda ikintu cyose cyanduza umubiri wacu.

Umuganga wo mu Buhinde witwa Jayavanth yamaze imyaka 38 anywa itabi. Yaravuze ati "ibitabo by'ubuvuzi nasomye byatumye menya ingaruka zo kunywa itabi. Nari nzi ko ari ribi kandi najyaga ngira abarwayi inama yo kurireka. Nageraageje kurireka incuro zigera kuri eshanu cyangwa esheshatu, ariko birananira." None se ni iki cyamufashije kurireka? Yaravuze ati "kwiga Bibiliya ni byo byamfashije kurireka. Icyifuzo cyo gushimisha Yehova ni cyo cyatumye mpita ndireka."

ITABI RIGIRA INGARUKA KU BANDI

Iyo umunywi w'itabi arikongeje, umwotsi waryo n'uwo asohora amaze kuritumura, urangiza. Iyo undi muntu ahumetse uwo mwotsi, bishobora kumutera kanseri n'izindi ndwara. Buri mwaka hapfa abantu 600.000 batanywa itabi bazira guhumeka umwotsi waryo, abenshi muri bo akaba ari abagore n'abana.

"Ukundishe Yehova Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose."
—Matayo 22:37

Ese wavuga ko ukunda Imana kandi ko uyubaha, mu gihe wabaswe n'ingeso yangiza umubiri yaguhaye?

“Ujye ukunda mugenzi wawe nk’uko wikunda.”
—Matayo 22:39

Ese koko wavuga ko ukunda mugenzi wawe n’abagize umuryango wawe, kandi ubategeza umwotsi w’itabi?

Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye Ryita ku Buzima ryatanze umuburo ugira uti “umwotsi w’itabi uwo ari wo wose ugira ingaruka ku muntu utarinywa iyo awuhumetse.”

Yesu yavuze ko urukundo dukunda bagenzi bacu, ni ukuvuga incuti, abavandimwe n’abandi, ruza ku mwanya wa kabiri nyuma y’urwo dukunda Imana. Yaravuze ati “ujye ukunda mugenzi wawe nk’uko wikunda” (Matayo 22:39). Iyo dufite ingeso yangiza ubuzima bwa bagenzi bacu, ntituba tubakunda. Urukundo nyakuri rudutera gukurikiza umuburo Bibiliya itanga ugira uti “buri wese ntakomeze gushaka inyungu ze bwite, ahubwo ashake iza mugenzi we.” —1 Abakorinto 10:24.

Armen uba muri Arumeniya yagize ati “abagize umuryango wanjye baranyinginze ngo ndeke itabi kubera ko ryabagiragaho ingaruka. Jye numvaga nta cyo ryabatwara.” Yasobanuye icyatumye arireka agira ati “kumenya Bibiliya no gukunda Yehova byamfashije kureka itabi kandi bimfasha kwemera ko ringiraho ingaruka rikazigira no ku bandi.”

KUNYWA ITABI BIZACIKA BURUNDU

Kumenya Bibiliya byafashije Olaf, Jayavanth na Armen kureka ingeso mbi yabagiragaho ingaruka, ikazigira no ku bandi. Kuba baramenye ko itabi ari ribi, si byo byonyine byatumye barireka. Icyabibafashijemo ni urukundo bakunda Yehova n’icyifuzo bari bafite cyo kumushimisha. Uruhare rw’ingenzi urukundo rubigiramo rwavuzwe muri 1 Yohana 5:3, hagira hati “gukunda Imana ni uku: ni uko twitondera amategeko yayo, kandi amategeko yayo si umutwaro.” Birumvikana ko gukurikiza amahame ya Bibiliya atari ko buri gihe biba byoroshye. Ariko iyo umuntu akunda Imana cyane, kuyumvira ntibimubera umutwaro.

Imana irimo irafasha abantu babarirwa muri za miriyoni kureka itabi no kuryirinda binyuze kuri gahunda iba ku isi hose yo kwigisha abantu (1 Timoteyo 2: 3, 4). Vuba aha, Yehova azakoresha ubwami bwe, ni ukuvuga ubutegetsi bwo mu ijuru buyobowe n’Umwana we Yesu Kristo, arimbure abacuruzi b’abanyamurumba batumye abantu babarirwa muri za miriyoni babatwa n’itabi. Azaca burundu icyorezo cyo kunywa itabi, maze afashe abantu bumvira kugira umubiri n’ubwenge bitunganye.—Yesaya 33:24; Ibyahishuwe 19: 11, 15.

Niba urimo uhatana kugira ngo ureke itabi, ntugacogore. Niwitoza gukunda Yehova no gusobanukirwa uko abona ibyo kunywa itabi, nawe uzabona imbaraga zo kurireka. Abahamya ba Yehova bazishimira kubigufashamo, bakugezeho umwe muri bagenzi babo uzagufasha kumenya amahame yo muri Bibiliya no kuyashyira mu bikorwa. Izere ko niba warabaswe n’itabi ukaba wifuza ko Imana igufasha kurireka, izaguha n’imbaraga ukeneye kugira ngo ubigereho.—Abafilipi 4:13. ■

Ese wariye umugati w'ubuzima?

ICYO gihe ba mukerarugendo bari bashonje. Gusura ibintu biranga amateka ya kera y'umugi wa Betelehemu byari byatumye bagira ipfa, kandi bifuzaga kugira ikintu cyaho barya. Umwe muri bo yarabutswe resitora ibonekamo ifunguro bita falafeli. Iryo funguro riba rigizwe n'ubwoko bwihariye bw'amashaza, inyanya, ibitunguru n'andi moko y'imboga, bakabirisha umugati bita pita. Iryo funguro riryoshye ryabongereye imbaraga, bituma bakomeza gusura ako gace.

Uwo mugati bita pita ba mukerarugendo bariye, ushobora kuba ari cyo kintu gishishikaje babonye uwo munsi mu bintu biranga amateka y'icyo gihugu, nubwo batari basanzwe bawuzi. Izina Betelehemu risobanura "Inzu y'Umugati," kandi abatuye muri uwo mugi bamaze imyaka ibarirwa mu bihumbi bateka iyo migati (Rusi 1:22; 2:14). Uwo mugati ni umwe mu moko y'imigati ikorerwa i Betelehemu muri iki gihe.

Hashize imyaka igera hafi ku bihumbi bine, Sara umugore wa Aburahamu akoze "imigati yiburungushuye" yo guha abashyitsi batatu bari bamutunguye, ibyo bikaba byarabereye ahagana mu majyepfo ya Betelehemu (Intangiriro 18:6). "Ifu inoze" Sara yakozemo iyo migati ishobora kuba ari iy'ingano zisanzwe cyangwa ingano za sayiri. Sara yakoze uwo mugati vuba vuba kandi ashobora kuba yarawutetse ku mabuye ashyushye.—1 Abami 19:6.

Iyo nkuru igaragaza ko abari bagize umuryango wa Aburahamu ari bo bikoreraga imigati bakanayiyokereza. Kubera ko bahoraga bagenda, Sara n'abaja be ntibashoboraga gutekera umugati mu mafuru ameze nk'ayakundaga gukoreshwa mu mugi wa Uri Sara yakomokagamo. Sara yasyaga ifu nziza ayikuye mu binyampeke byo muri ako gace. Ako kazi kagomba kuba katari koroshye, kuko bakoreshaga urusyo bagendanaga hamwe n'isekuru n'umuhini.

Nyuma y'imyaka magana ane, Amategeko ya Mose yavugaga ko nta muntu wagombaga gufata urusyo ho ingwate, kuko ari ho "ubugingo" bw'umuntu bwabaga bushingiye (Gutegeka kwa Kabiri 24:6). Imana yabonaga ko urusyo ari urw'ingenzi cyane, kuko umuryango utashoboraga gukora imigati utarufite.—Reba ingingo ivuga ngo "Gusya no guteka imigati mu bihe bya Bibiliya."

UMUGATI UKOMEZA IMITIMA Y'ABANTU

Ibyanditswe bikoresha ijambo "umugati" incuro zirenga 350, kandi abanditsi ba Bibiliya bakundaga kuwukoresha berekeza ku byokurya. Yesu yavuze ko abakorera Imana bashobora gusenga bafite icyizere bati "uyu munsi uduhe ibyokurya [cyangwa umugati] by'uyu munsi" (Matayo 6:11). Yesu yashakaga kutwereka ko dushobora kwishingikiriza ku Mana kugira ngo iduhe ifunguro rya buri munsi.—Zaburi 37:25.

Icyakora hari ikintu cy'ingenzi kurusha umugati cyangwa ibyokurya. Yesu yaravuze ati "umuntu ntatungwa n'ibyokurya [cyangwa umugati] gusa, ahubwo atungwa n'ijambo ryose riva mu kanwa ka Yehova" (Matayo 4:4). Ayo magambo yerekeza ku gihe Abisirayeli bamaze batunzwe gusa n'ibyokurya Imana yabahaga. Ibyo byatangiye bamaze igihe gito bavuye muri Egiputa. Igihe bari bamaze hafi ukwezi binjiye mu butayu bwa Sinayi, ibyokurya bari barazigamye byatangiye kubashirana. Bahangayikishijwe n'uko inzara yari kuzabicira muri ubwo butayu bwari bukakaye, bituma bitotomba bavuga uko babagaho muri Egiputa bagira bati "twaryaga imigati tugahaga."—Kuva 16:1-3.

Nta gushidikanya ko umugati wo muri Egiputa wari uryoshye. Mu gihe cya Mose, abatetsi b'imigati b'abahanga bakoreraga Abanyegiputa amoko atandukanye y'imigati. Ariko kandi, Yehova ntiyari gutererana ubwoko bwe ngo bubure umugati wo

kurya. Yatanze isezerano rigira riti "ngiye kubohereza ibyokurya bivuye mu ijuru bigwe nk'imvura." Uwo mugati wo mu ijuru wamanukaga mu gitondo cya kare, wari "utuntu duto tworohereye" twari tumeze nk'urubura. Igihe Abisirayeli batubonaga ku ncuro ya mbere, barabajije bati "ibi ni ibiki?" Mose yarababwiye ati "ni ibyokurya Yehova yabahaye." Babyise "manu"* kandi uwo mugati ni wo wabatunze mu gihe cy'imyaka 40 yakurikiyeho.—Kuva 16:4, 13-15, 31.

Abisirayeli bagitangira guhabwa manu mu buryo bw'igitangaza bagomba kuba barayitangariye. Yaryohaga "nk'utugati turimo ubuki," kandi buri wese yahabwaga imuhagije (Kuva 16:18). Ariko uko igihe cyagiye gihita, batangiye gukumbura ibyokurya bitandukanye baryaga bakiri muri Egiputa. Binubiye manu bagira bati "nta kindi amaso yacu areba kitari manu" (Kubara 11:6). Nyuma yaho bararakaye, bitomba bagira bati "twazinutswe iyi ngirwamugati" (Kubara 21:5). Batangiye kubona ko uwo 'mugati wavaga mu ijuru' wari ubishye kandi ko wari uteye iseseme.—Zaburi 105:40.

* Ijambo "manu" rikomoka ku ijambo ry'igiheburayo *"man hu'?,"* rishobora kuba risobanura ngo "ibi ni ibiki?"

UMUGATI W'UBUZIMA

Hari igihe tudaha umugati agaciro kimwe n'uko hari ibindi byinshi tudaha agaciro. Icyakora, Bibiliya ivuga ibirebana n'umugati wihariye cyane tutagombye gusuzugura. Uwo mugati Yesu yagereranyije na manu Abisirayeli banze, ushobora gutuma abantu babona imigisha y'iteka ryose.

Yesu yabwiye abari bamuteze amatwi ati "ni jye mugati w'ubuzima. Ba sokuruza baririye manu mu butayu, nyamara barapfuye. Uyu ni wo mugati wavuye mu ijuru kugira ngo umuntu wese uwuriyeho ye gupfa. Ni jye mugati muzima wavuye mu ijuru. Nihagira urya kuri uwo mugati azabaho iteka ryose; kandi koko, umugati nzatanga ni umubiri wanjye kugira ngo isi ibone ubuzima."—Yohana 6:48-51.

Gusya no guteka imigati mu bihe bya Bibiliya

Gusya. Ubusanzwe umurimo wo gusya wari uw'abagore, kandi wari umwe mu mirimo bakoraga buri munsi mu gitondo cya kare (Imigani 31:15; Matayo 24:41). Mu gihe cy'abakurambere, abantu bakundaga guhinga ingano zisanzwe, ariko kuzitandukanya n'inkumbi byarabagoraga. Ibyo byatumaga kubona ifu bigorana, kuko byabasabaga kuzisekura no kuzisya. Babanzaga kuzimenaho amazi, bakazihura maze bakazanika, bakazigosora, hanyuma bakazisya.

Kugira ngo umuntu azabone ifu ihagije abagize umuryango byatwaraga amasaha menshi, kandi mu bihe bya Bibiliya, "ijwi ry'urusyo" ryakundaga kumvikana mu migi myinshi (Yeremiya 25:10). Nanone haje kwaduka insyo nini zakoreshwaga n'amatungo aho gukoreshwa n'abagore.—Matayo 18:6.

Guteka imigati. Iyo babaga bamaze gusya hakurikiragaho guteka imigati, ibyo na byo bikaba byarakorwaga buri munsi. Umugore yasukaga amazi mu ifu agaponda, yarangiza agateka imigati (Intangiriro 18:6). Mu ngo zimwe na zimwe imigati bayotsaga ku mabuye bacaniriye, abandi bakayotsa mu mafuru mato (Abalewi 2:4; Yesaya 44:15). Abantu babaga bakomeye, urugero nka ba Farawo, batekerwaga imigati n'abatetsi babigize umwuga. Ariko mu myaka yakurikiyeho, abantu basanzwe na bo bacuruzaga imigati (Intangiriro 40:17; 1 Samweli 8:13; Yesaya 55:2). Mu gihe cya Yeremiya, i Yerusalemu hari 'umuhanda w'abatetsi b'imigati,' kandi mu gihe cya Nehemiya umwe mu minara yaho witwaga "Umunara w'Ifuru."—Yeremiya 37:21; Nehemiya 12:38.

Abenshi mu bari bamuteze amatwi ntibigeze basobanukirwa ko yakoresheje ijambo "umugati" n' "ubuzima" mu buryo bw'ikigereranyo. Icyakora iryo gereranya ryari rikwiriye. Umugati uyu usanzwe ni wo Abayahudi baryaga buri munsi, nk'uko Abisirayeli batunzwe na manu mu gihe cy'imyaka 40 igihe bari mu butayu. Nubwo manu yari impano y'Imana, ntiyatumaga abantu babona ubuzima bw'iteka. Ariko igitambo cya Yesu cyo gishobora gutuma abamwizera babona ubwo buzima. Koko rero, Yesu ni we "mugati w'ubuzima."

Iyo ushonje ushobora kumva ushaka umugati wo kurya, kandi ushobora gushimira Imana ko iguha uwo 'mugati wa buri munsi' (Matayo 6:11,*The New English Bible*). Mu gihe dufata amafunguro aryoshye, tujye dutekereza ku gaciro ka Yesu Kristo we 'mugati w'ubuzima.'

Ni mu buhe buryo twakwirinda kuba nk'Abisirayeli b'indashima bo mu gihe cya Mose, tukagaragaza ko duha agaciro umugati w'agaciro kenshi? Yesu yaravuze ati "niba munkunda muzubahiriza amategeko yanjye" (Yohana 14:15). Nidukurikiza amategeko ya Yesu, tuzagira ibyiringiro byo kuzarya umugati uko dushaka iteka ryose.—Gutegeka kwa Kabiri 12:7. ■

Ese abakurambere bacu bazazuka?

MU MYAKA yashize, hari ingingo ishishikaje yasohotse mu kinyamakuru cyo muri Koreya yabazaga iti "'Ese Shim Cheong wari umuntu mwiza cyane' ariko akaba atari azi Yesu, yagiye mu muriro utazima?"—*The Chosun Ilbo.*

Iyo ngingo yarimo ubushotoranyi, kuko Shim Cheong ari umukobwa wakundwaga cyane uvugwa mu migani yo muri Koreya, witangiye gufasha se wari impumyi. Yamaze imyaka myinshi ashimagizwa. Koko rero, Abanyakoreya bamufata nk'intangarugero mu kwitangira abandi.

Abantu benshi bumva ko umuntu nk'uwo aramutse yarahawe igihano cyo kujya mu muriro utazima bitewe gusa n'uko atabatijwe ngo abe Umukristo, byaba ari akarengane kandi ko byaba bibabaje. N'ubundi kandi, ibivugwa muri uwo mugani byabaye mbere cyane y'uko ubutumwa buvuga ibya Kristo bugera mu mudugudu uwo mukobwa yari atuyemo.

Muri iyo ngingo harimo n'ikiganiro umuyobozi w'idini yagiranye n'icyo kinyamakuru. Uwo muyobozi w'idini yabajijwe niba abantu bose bapfuye batarabona uburyo bwo kumenya ibirebana na Yesu bazajya mu muriro w'iteka. Yatanze ikihe gisubizo? Yaravuze ati "ntitubizi. Dutekereza gusa ko hagomba kuba hari icyo Imana yateganyirije [abantu nk'abo]."

IBISABWA KUGIRA NGO TUZABONE AGAKIZA

Hari igitabo kigira kiti "kubatizwa ni ngombwa kugira ngo umuntu azabone agakiza. Kristo ubwe yavuze ko umuntu utabyarwa ubwa kabiri binyuze ku mazi no kuri Roho Mutagatifu adashobora kwinjira mu Bwami bw'Imana" (Yh 3:5, *The New Catholic Encyclopedia*). Ibyo bituma bamwe batekereza ko abantu bapfa batarabatizwa bajugunywa mu muriro utazima, cyangwa bakaba bababazwa mu buryo runaka nyuma yo gupfa.

Icyakora hari abandi benshi babona ko iyo nyigisho idafututse. Ese abantu babarirwa muri za miriyoni bapfuye batazi Bibiliya, bakwiriye kubabarizwa mu muriro w'iteka? Bibiliya ibivugaho iki?

IBYIRINGIRO BIBILIYA ITANGA

Bibiliya igaragaza neza ko Imana itirengagiza abantu babayeho batazi ibyo ibasaba. Mu Byakozwe 17:30 hagira hati "Imana yirengagije ibyo bihe by'ubujiji." None se ni iki Bibiliya isezeranya abantu bapfuye batabonye uburyo bwo kwiga ibyerekeye Imana?

Igisubizo gishobora kuboneka mu magambo Yesu yabwiye umwe mu bagizi ba nabi bari kumwe na we igihe yapfaga. Uwo muntu yabwiye Yesu ati "uzanyibuke nugera mu bwami bwawe." Yesu yamushubije iki? Yaramubwiye ati "uyu munsi ndakubwiza ukuri: uzaba uri kumwe nanjye muri Paradizo."—Luka 23:39-43.

Ese Yesu yasezeranyije uwo mugizi wa nabi ko azajya mu ijuru? Oya, kuko atari yarigeze 'yongera kubyarwa' n'amazi n'umwuka, ibyo akaba ari ibintu bisabwa kugira ngo umuntu yinjire mu Bwami bw'ijuru (Yohana 3:3-6). Ahubwo Yesu yasezeranyije uwo mugizi wa nabi ko yari kuzongera kubaho muri Paradizo. Kubera ko uwo muntu yari Umuyahudi, ashobora kuba yari azi neza ibyerekeye Paradizo yo ku isi, ni ukuvuga ubusitani bwa Edeni, buvugwa mu gitabo cya mbere cya Bibiliya (Intangiriro 2:8). Iryo sezerano rya Yesu ryamwijeje neza ko azazuka akaba ku isi, muri Paradizo izaba yongeye gushyirwaho.

N'ubundi kandi, Bibiliya isezeranya ko "hazabaho umuzuko w'abakiranutsi n'abakiranirwa" (Ibyakozwe 24:15). "Abakiranirwa" ni abantu batigeze bashobora gukora ibihuje n'amahame akiranuka y'Imana bitewe n'uko batari bazi ibyo ibasaba. Yesu azazura uwo mugizi wa nabi bavuganye ubarirwa mu bakiranirwa azure n'abandi babarirwa muri za miriyoni cyangwa za miriyari, bapfuye bataramenya Imana. Nyuma yaho ubwo bazaba bari muri Paradizo ku isi, bazigishwa ibyo Imana ibasaba maze babone uko bagaragaza ko bayikunda binyuze mu kumvira amategeko yayo.

Isezerano Yesu yatanze rigira riti "uzaba uri kumwe nanjye muri Paradizo," risobanura iki?

ABAKIRANIRWA NIBAZUKA BIZAGENDA BITE?

Ese abakiranirwa nibazuka bazacirwa urubanza hakurikijwe ibyo bakoze mu gihe cyahise? Oya. Mu Baroma 6:7, haravuga hati "upfuye aba ahanaguweho icyaha cye." Kubera ko abakiranirwa bazaba barapfuye, bazaba barishyuye ibyaha byabo. Ku bw'ibyo, bazacirwa urubanza hakurikijwe ibyo bazakora nyuma yo kuzuka, atari ibyo bakoze mu bujiji mbere y'uko bapfa. Ibyo bizabamarira iki?

Abakiranirwa nibamara kuzuka, bazahabwa uburyo bwo kwiga amategeko y'Imana, azahishurwa igihe imizingo y'ikigereranyo izabumburwa. Hanyuma bazacirwa imanza "hakurikijwe ibyo bakoze," ibyo bikaba byumvikanisha ko kumvira amategeko y'Imana cyangwa kutayumvira ari byo bizashingirwaho (Ibyahishuwe 20:12, 13). Ibyo ntibishatse kuvuga ko abakiranirwa benshi bazaba bahawe amahirwe ya nyuma, ahubwo ni bwo bwa mbere bazaba bahawe uburyo nyabwo bwo kwiga ibyo Imana ishaka no kubishyira mu bikorwa, bityo bakazagira ibyiringiro byo kuzahabwa ubuzima bw'iteka ku isi.

Iyo nyigisho yo muri Bibiliya yafashije benshi kongera kwizera Imana. Umwe muri bo ni Yeong Sug wakuze ari Umugatolika urangwa n'ishyaka. Bamwe mu bagize umuryango we bari abapadiri. Yagiye kuba mu nzu y'ababikira kubera ko na we yari yizeye ko yari kuzaba we. Ariko nyuma yo kubona ibihakorerwa yacitse intege, maze aza kuvamo. Uretse n'ibyo, ntiyemeraga inyigisho ivuga ko abantu bababarizwa mu muriro w'iteka, kuko yumvaga ko idahuje n'ubutabera n'urukundo.

Nyuma yaho Umuhamya wa Yehova yeretse Yeong Sug amagambo yo muri Bibiliya, agira ati "abazima bazi ko bazapfa, ariko abapfuye bo nta cyo bakizi, kandi nta bihembo bongera guhabwa" (Umubwiriza 9:5). Uwo Muhamya yamufashije kumenya ko abakurambere be batababarizwa mu muriro w'iteka, ahubwo ko basinziriye mu rupfu bategereje kuzurwa.

Yeong Sug amaze kumenya ko abantu benshi batigeze bumva ukuri ko muri Bibiliya, yazirikanye amagambo aboneka muri Matayo 24:14 agira ati "ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzabwirizwa mu isi yose ituwe, kugira ngo bubere amahanga yose ubuhamya; hanyuma imperuka ibone kuza." Ubu abwiriza ubutumwa bwiza kandi akageza ku bandi ibyiringiro bihebuje bishingiye kuri Bibiliya.

'IMANA NTIROBANURA KU BUTONI'

Bibiliya igira iti 'Imana ntirobanura ku butoni, ahubwo muri buri gihugu umuntu uyitinya kandi agakora ibyo gukiranuka ni we yemera' (Ibyakozwe 10:34, 35). Ubwo ni bwo butabera nyabwo buri wese ashobora kwitega ku Mana 'ikunda gukiranuka n'ubutabera.'—Zaburi 33:5. ■

ABAGABO BATATU BASHAKISHIJE UKURI MU KINYEJANA CYA 16

—Bageze ku ki?

"UKURI ni iki?" Icyo kibazo Ponsiyo Pilato wari guverineri wa Yudaya mu kinyejana cya mbere yakibajije Yesu wari imbere ye agiye gucirwa urubanza (Yohana 18:38). Birumvikana ko Pilato atashakaga kumenya ukuri. Uko biri kose, ikibazo yabajije cyagaragaje ko yakabyaga kuba umwemeragato. Uko bigaragara, Pilato yumvaga ko umuntu wese agira ukuri kwe cyangwa ko ukuri ari icyo umuntu yigishijwe akacyizera, mbese ko nta wakwemeza icyo ukuri ari cyo. Uko ni na ko abantu benshi bo muri iki gihe babibona.

Mu kinyejana cya 16, abayoboke ba Kiliziya Gatolika bo mu Burayi bari baraheze mu rungabangabo, ku buryo batari bazi icyo bakwiriye kwizera ko ari ukuri. Kubera ko bari barakuze bemera ko papa ari umuyobozi w'ikirenga bakizera n'izindi nyigisho za kiliziya, bari bahanganye n'ibitekerezo bishya byazanwaga n'abaharaniraga Ivugurura byari byarakwirakwijwe hirya no hino mu Burayi icyo gihe. None se bari gufata iki bakareka iki? Bari kumenya ukuri bate?

Icyo gihe hari abantu benshi bari bariyemeje gushakisha ukuri, muri bo hakaba harimo abagabo batatu.* None se ni ubuhe buryo bakoresheje kugira ngo bashobore gutandukanya ukuri n'ikinyoma? Ni iki baje kugeraho? Reka tubisuzume.

"MUREKE TUJYE TUYOBORWA NA BIBILIYA . . . BURI GIHE"

Wolfgang Capito yari umusore wari ukomeye ku nyigisho z'idini. Yize ibyerekeye ubuvuzi, amategeko na tewolojiya, aza no kuba padiri mu mwaka wa 1512 kandi aba umwarimu w'inyigisho z'idini wa arikiyepisikopi wa Mainz.

Mu mizo ya mbere, Capito yagerageje gucogoza ishyaka ry'abaharaniraga Ivugurura, bitewe n'uko babwirizaga ubutumwa butandukanye n'inyigisho za Kiliziya Gatolika. Icyakora nyuma yaho gato, na we yatangiye gushyigikira Ivugurura. Byagenze bite? Umuhanga mu by'amateka witwa James M. Kittelson yavuze ko iyo inyigisho zabaga zinyuranye, Capito yumvaga ko "Bibiliya ari yo igomba kwifashishwa mu kuzisuzuma, kuko ari yo yonyine y'ukuri." Nguko uko Capito yaje kubona ko inyigisho ivuga ko umugati na divayi bihinduka mu buryo bw'igitangaza umubiri n'amaraso bya Kristo n'iyo gusenga abatagatifu, zidahuje n'Ibyanditswe. (Reba ingingo ifite umutwe uvuga ngo "Kugira ngo barebe niba ibyo bintu ari ko biri koko.") Mu mwaka wa 1523, yeguye ku nshingano ye ikomeye yo gukorana na arikiyepisikopi, yimukira mu mugi wa Strasbourg wari ihuriro ry'abari bashyigikiye ivugurura ry'inyigisho zo mu rwego rw'idini icyo gihe.

* Reba ingingo ivuga ngo "Mureke byombi bikurane kugeza ku isarura," iri ku ipaji ya 44 mu gitabo kivuga amateka y'Abahamya (*Les Témoins de Jéhovah : Prédicateurs du Royaume de Dieu*), cyanditswe n'Abahamya ba Yehova.

Abarwanyaga inyigisho z'idini bajyaga bahurira kwa Capito mu mugi wa Strasbourg, kandi nta gushidikanya ko bajyaga impaka ku nyigisho nyinshi z'idini n'izo muri Bibiliya. Igitabo kivuga iby'Ivugurura cyavuze ko nubwo mu bari bashyigikiye Ivugurura hari abari bagikomeye ku nyigisho y'Ubutatu, inyandiko za Capito zagaragazaga ko "yifashe ntagire icyo avuga ku nyigisho y'Ubutatu" (*The Radical Reformation*). Kubera iki? Ni ukubera ko yari ashimishijwe n'ukuntu umuhanga mu bya tewolojiya wo muri Esipanye witwa Michael Servetus yifashishije Bibiliya kugira ngo avuguruze inyigisho y'Ubutatu.*

Kubera ko Capito yabonaga ko guhakana inyigisho y'Ubutatu byashoboraga kumuteza akaga gakomeye, yagize amakenga ntiyashyira ahagaragara ibitekerezo bye. Icyakora inyandiko ze zigaragaza ko iyo yabaga yihereye yanengaga inyigisho y'Ubutatu na mbere y'uko ahura na Servetus. Nyuma yaho umupadiri w'Umugatolika yaje kwandika ko Capito na bagenzi be "bajyaga impaka rwihishwa ku nyigisho z'idini z'amayobera kurusha izindi, maze bakamagana iyobera ry'Ubutatu Butagatifu." Nyuma y'imyaka 100, Capito yashyizwe ku mwanya wa mbere ku rutonde rw'abanditsi bazwi cyane bahakanaga Ubutatu.

Capito yizeraga ko Bibiliya ari yo soko y'ukuri. Yaravuze ati "mureke Bibiliya n'amategeko ya Kristo abe ari byo bituyobora mu birebana na tewolojiya." Dukurikije ibyavuzwe na dogiteri Kittelson, Capito "yashimangiye ko kuba abahanga mu bya tewolojiya bataragize icyo bageraho byatewe n'uko birengagije Ibyanditswe."

Icyo cyifuzo gikomeye yari afite cyo kumenya ukuri ko mu Ijambo ry'Imana, yari agihuriyeho n'umusore witwaga Martin Cellarius (nanone uzwi ku izina rya Martin Borrhaus) wabaga kwa Capito mu wa 1526.

"KUMENYA IMANA Y'UKURI"

Cellarius wavutse mu mwaka wa 1499, yigaga tewolojiya na filozofiya abigiranye umwete kandi yemeye gukora akazi k'ubwarimu mu mugi wa Wittenberg mu Budage. Kubera ko muri uwo mugi ari ho abaharaniraga Ivugurura bari baratangiriye gukorera, Cellarius yahise amenyana na Martin Luther n'abandi bashakaga kuvugurura inyigisho za kiliziya. None se Cellarius yashoboye ate gutandukanya inyigisho z'abantu n'ukuri ko mu Byanditswe?

Hari igitabo cyavuze ko Cellarius yemeraga ko kugira ngo umuntu asobanukirwe ibintu neza "agomba gusoma Ibyanditswe ashyizeho umwete, akajya agereranya imirongo y'Ibyanditswe buri gihe, agasenga kandi akihana" (*Teaching the Reformation*). Ni iki Cellarius yabonye igihe yasuzumaga Bibiliya?

Muri Nyakanga 1527, Cellarius yasohoye ibyo yagezeho mu gitabo kivuga ibirebana n'imirimo y'Imana (*On the Works of God*). Yavuze ko amasakaramentu ya kiliziya, urugero nk'iry'Ukarisitiya rivuga ko umugati na divayi bihinduka umubiri n'amaraso bya Yesu, ari ikigereranyo gusa. Porofeseri Robin Barnes yavuze ko igitabo cya Cellarius kirimo nanone "ibisobanuro by'ubuhanuzi bw'Ibyanditswe buvuga ko hirya no hino hari kuzabaho ibyago n'imibabaro, bikazakurikirwa n'igihe cyo guhindura isi yose nshya, abantu bakabaho banyuzwe."—2 Petero 3:10-13.

Icyakora, hari amagambo ashishikaje cyane Cellarius yavuze ku birebana na kamere ya Yesu Kristo. Nubwo atavuguruje inyigisho y'Ubutatu mu buryo bweruye, yashyize itandukaniro hagati ya "Data wo mu ijuru" n' "Umwana we Yesu Kristo," maze yandika ko Yesu ari umwe mu mana nyinshi n'abana benshi b'Imana Ishoborabyose.—Yohana 10:34, 35.

Mu gitabo Robert Wallace yanditse mu wa 1850 (*Antitrinitarian Biography*), yavuze ko inyandiko za Cellarius zari zitandukanye n'inyigisho y'Ubutatu

* Reba ingingo igira iti "Uko Michael Servetus yashakishije ukuri ari wenyine," mu igazeti ya *Nimukanguke!* yo muri Gicurasi 2006, yanditswe n'Abahamya ba Yehova (mu gifaransa).

ÖNB/Wien, PORT.00018642.01

Wolfgang Capito yemeraga ko kuba kiliziya itaragize icyo igeraho byatewe n'uko 'yirengagije Ibyanditswe'

yari yogeye mu kinyejana cya 16.* Ibyo ni byo byatumye intiti zitandukanye zigera ku mwanzuro w'uko Cellarius yarwanyaga Ubutatu. Hari abavuze ko yabaye umwe mu bantu Imana yakoresheje kugira ngo "bamenyekanishe Imana y'ukuri na Kristo."

UKURI KONGERA GUHABWA AGACIRO

Ahagana mu mwaka wa 1527, Johannes Campanus, umwe mu ntiti zikomeye z'icyo gihe, na we yagiye gutura mu mugi wa Wittenberg. Nubwo yari mu mugi wari ihuriro ry'abahaniraga Ivugurura, ntiyashimishwaga n'inyigisho za Martin Luther. Kubera iki?

Campanus yarwanyije inyigisho ivuga ko umugati na divayi bihinduka umubiri n'amaraso bya Kristo n'ivuga ko umugati na divayi biba biri kumwe n'umubiri wa Kristo.# Umwanditsi witwa André Séguenny yavuze ko Campanus yemeraga ko "umugati uhora ari umugati akurikije ibiwugize, ariko waba ukoreshejwe mu isakaramentu ry'Ukarisitiya ukaba ugereranya umubiri wa Kristo." Mu nama yabereye Marburg Colloquy mu mwaka wa 1529, yari igamije kujya impaka kuri izo nyigisho zombi, Campanus ntiyari yemerewe gutanga ibitekerezo yari yaravanye mu Byanditswe. Nyuma yaho, bagenzi be babaga mu mugi wa Wittenberg baharaniraga Ivugurura bamuhaye akato.

Abaharaniraga Ivugurura barakajwe cyane cyane n'inyigisho ya Campanus irebana na Data, Umwana n'umwuka wera. Mu gitabo Campanus yanditse mu mwaka wa 1532, yavuze ko Yesu atandukanye na Se (*Restitution*). Yasobanuye ko Data n'Umwana "ari umwe," nk'uko Bibiliya ivuga ko umugabo n'umugore iyo biyunze baba "umubiri umwe," ariko bagakomeza kuba abantu babiri batandukanye (Yohana 10:30; Matayo 19:5). Campanus yavuze ko Ibyanditswe bikoresha iyo mvugo y'ikigereranyo ikoreshwa ku mugabo n'umugore, kugira ngo bigaragaze ko Data afite ububasha ku Mwana. Bigira biti 'umutware w'umugore ni umugabo, naho umutware wa Kristo akaba Imana.'—1 Abakorinto 11:3.

Bite ku birebana n'umwuka wera? Nanone Campanus yifashishije Bibiliya, arandika ati "nta murongo w'Ibyanditswe ushyigikira ko Umwuka Wera ari umuperisona wa gatatu. . . . Umwuka w'Imana ni imbaraga ikoresha, kuko itegura kandi igasohoza imigambi yayo yose binyuze ku mbaraga zayo n'ibikorwa byayo bitagaragara."—Intangiriro 1:2.


DE OPERI-
BVS DEI, MARTI-
no Cellario
autho-
re.
ARGENTORATI, ANNO
M·D·XXVII·

Bayerische Staatsbibliothek München, Res/Polem. 97, Beibd.8

Ipaji iriho umutwe w'igitabo cyanditswe na Martin Cellarius aho yagereranyaga inyigisho za kiliziya na Bibiliya (*On the Works of God*)

Luther yavuze ko Campanus yatukaga Imana kandi akarwanya Umwana wayo. Hari undi muntu waharaniraga Ivugurura wasabye ko Campanus yicwa. Ariko Campanus ntiyigeze acika intege. Hari igitabo cyavuze ko "Campanus yemeraga adashidikanya ko abantu baramutse batamenye ibyo bisobanuro by'intumwa kandi bishingiye kuri Bibiliya byerekeye ubutware bw'Imana n'ubw'umugabo, byazatuma Kiliziya irunduka."—*The Radical Reformation.*

Campanus ntiyigeze agambirira gushinga idini. Yavuze ko yari yarashakishije ukuri "mu dutsiko tw'amadini no mu bahakanyi," ariko ntagire icyo ageraho. Ni yo mpamvu yizeraga ko Kiliziya Gatolika yari kuzisubiraho, ikagarura inyigisho za gikristo. Amaherezo ariko abayobozi ba Kiliziya Gatorika ba-

* Ku birebana n'ijambo "imana" Cellarius yakoresheje aryerekeza kuri Kristo, icyo gitabo cyaravuze kiti "yanditse ngo *deus,* aho kwandika ngo *Deus,* iryo rya nyuma rikaba ryerekeza gusa ku Mana Isumbabyose."

Inyigisho ivuga ko mu gihe cy'Ifunguro ry'Umwami rya Nimugoroba umugati na divayi biba "biri kumwe" n'umubiri wa Kristo yadukanywe na Luther.

“Kugira ngo barebe niba ibyo bintu ari ko biri koko”

Ni iki cyafashije Capito, Cellarius, Campanus hamwe n’abandi kwamagana inyigisho zimwe na zimwe za kiliziya? Bakoze nk’ibyo abantu b’i Beroya bakoze, kuko bagenzuraga mu Byanditswe babyitondeye “kugira ngo barebe niba ibyo bintu ari ko biri koko” (Ibyakozwe 17:11). Dore bimwe mu byo abantu batatu baharaniye Ivugurura bagezeho:

INYIGISHO ZA KILIZIYA	ICYO IBYANDITSWE BIVUGA
Dushobora kwiyambaza abatagatifu bakatuvuganira ku Mana.	“Hariho Imana imwe, hakabaho n’umuhuza umwe hagati y’Imana n’abantu, na we ni umuntu, ari we Kristo Yesu.”—1 Timoteyo 2:5.
Impinja zagombye kubatizwa.	*“Baramwizeye* barabatizwa, *abagabo n’abagore.”* —Ibyakozwe 8:12.
Yesu na Se bari mu bigize Ubutatu kandi barangana.	“[Jyewe Yesu] ngiye kwa Data, kuko Data anduta” (Yohana 14: 28). “Yesu . . . ntiyatekereje ibyo kwigarurira ubutware, ni ukuvuga kureshya n’Imana.”—Abafilipi 2:5, 6.
Mu gihe cya Misa, umugati na divayi bihinduka umubiri n’amaraso bya Yesu.	“Yesu afata umugati, amaze gushimira arawumanyagura, awuha abigishwa be arababwira ati ‘nimwakire murye. Uyu ugereranya umubiri wanjye.’ Nanone afata igikombe, amaze gushimira arakibahereza, maze arababwira ati ‘nimunyweho mwese, kuko iki kigereranya “amaraso yanjye y’isezerano.” ’ ”—Matayo 26:26-28.

Utrecht University Library E oct 31 dl 4

Göttlicher vnd
heiliger Schrifft - vor
vilen jaren verdunckelt/ vnd durch vnheylsa-
me lerer vñ Lerer (auß Gottes zůlassung)
verfinstert/ Restitution vnd besse-
rung/ durch den Hochgelerten
Johannem Campanum.
Ein sendbrieff an B. M. von Sen
marcken ꝛc. durch Nicola-
um Frantz vñ Stretz
ten.
Anno 1532.

Mu gitabo Campanus yanditse, yashidikanyije ku nyigisho y’Ubutatu (*Restitution*)

fashe Campanus baramufunga, ku buryo ashobora kuba yaramaze muri gereza imyaka irenga 20. Abahanga mu by’amateka bavuga ko yapfuye ahagana mu mwaka wa 1575.

“MUGENZURE IBINTU BYOSE”

Capito, Cellarius, Campanus n’abandi basuzumye Bibiliya babyitondeye kugira ngo bagaragaze itandukaniro riri hagati y’ukuri n’ikinyoma. Nubwo imyanzuro yose abo bantu bashakishije ukuri bagezeho itari ihuje neza na Bibiliya, bakoze ubushakashatsi mu Byanditswe bicishije bugufi, maze ukuri bamenye baguha agaciro.

Intumwa Pawulo yateye inkunga Abakristo bagenzi be agira ati “mugenzure ibintu byose, mwizirike ku byiza” (1 Abatesalonike 5:21). Kugira ngo Abahamya ba Yehova bagufashe mu mihati ushyiraho ushakisha ukuri, banditse igitabo gifite umutwe ukwiriye ugira uti *“Ni iki mu by’ukuri Bibiliya yigisha?”* Niba wifuza icyo gitabo nta kiguzi, reba ku ipaji ya 16 y’iyi gazeti, cyangwa ujye ku rubuga rwa jw.org/rw. ■

Ese isi yacu yaremewe guturwaho?

Uyu mubumbe wacu wujuje ibisabwa byose kugira ngo ibinyabuzima biwutureho. Ufite amazi menshi, ari cyo kintu cy'ibanze mu buzima. Urwikaragiro rwayo ruberamye, urugendo ikora yizengurukaho n'icyerekezo cy'urugendo rwayo mu gihe izenguruka izuba birakwiriye, ku buryo bituma amazi y'inyanja adahinduka barafu cyangwa ngo abire cyane maze akame. Nanone ikirere cy'isi hamwe n'imbaraga rukuruzi zayo, biyirinda imirase irimo ubumara. Mu by'ukuri, ibimera n'inyamaswa biri ku isi byunganirana mu buryo butangaje. Ngiyo impamvu yatumye abantu benshi bemeza ko umubumbe wacu waremewe guturwaho.—**Soma muri Yesaya 45:18.**

Ariko ushobora kwibaza uti "none se imibabaro n'akarengane na byo byari mu mugambi w'Imana? —**Soma mu Gutegeka kwa Kabiri 32:4, 5.**

Ese umugambi Imana ifitiye isi uzasohora?

Isi yaremewe guturwaho n'abantu bishimye, bubahana kandi bakunda Umuremyi wabo. Ku bw'ibyo, umugambi Imana ifitiye abantu ni wo w'ingenzi cyane kurusha uwo ifitiye ibimera n'inyamaswa. Dushobora gusobanukirwa Umuremyi wacu, tukishimira imico ye y'urukundo n'ubutabera kandi tukayigana.—**Soma mu Mubwiriza 12:13; Mika 6:8.**

Umuremyi wacu ashobora gusohoza ibyo yagambiriye gukora byose. Ku bw'ibyo, dushobora kwiringira tudashidikanya ko azavanaho imibabaro n'akarengane, maze iyi si akayihindura nziza, igaturwa n'abantu bishimye.—**Zaburi 37:11, 29; Yesaya 55:11.**



Isi yaremewe guturwa n'abantu bishimye

Niba wifuza ibindi bisobanuro, reba igice cya 3 muri iki gitabo cyanditswe n'Abahamya ba Yehova

Nanone kiboneka ku rubuga rwa www.jw.org/rw

IBINDI BISUBIZO BY'IBIBAZO BISHINGIYE KURI BIBILIYA WABISANGA KURI INTERINETI

JW.ORG™

Vana iyi gazeti kuri interineti ku buntu, uvaneho n'andi yasohotse mu gihe cyashize

Ubu Bibiliya iboneka ku rubuga rwacu mu ndimi zirenga 100

Jya kuri **www.jw.org/rw** cyangwa utunge kamera ya telefoni yabigenewe kuri iyi kode

wp14 06/01-YW
140227